Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Amajyaruguru
**Akarere ka Gicumbi**

# ITANGAZO

Ubuyobozi bw'Akarere ka Gicumbi buramenyesha abantu bose batuye n'abafite ubutaka mu Karere ka Gicumbi, ko bwababateguriye icyumweru cyahariwe serivisi z'ubutaka (**Land week**), kizatangira tariki ya 13/11/2023 kugeza tariki ya 17/11/2023, kikazabera ku cyicaro cy'Akarere ka Gicumbi buri munsi guhera saa tatu za mu gitondo (09h00) kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba (17h00).

Muri icyo cyumweru hazatangwa by'umwihariko serivisi yo guhuza ibyangombwa by'ubutaka n'igishushanyombonera cy'Akarere gishya n'ubwo n'izindi serivisi zitazabura gutangwa.

Tuboneyeho kandi kumenyesha abaturage batuye n'abafite ubutaka mu Murenge wa Byumba, Akagali ka Nyamabuye, Umudugudu wa Mugomero ko hashingiwe ku magenzura twakoze tugasanga ibyangombwa byabo bigiye birimo amakosa nabo bazafashwa gukosorerwa ibyangombwa by'ubutaka bwabo. Bityo tukaba tubasaba kuzaba bari aho ubutaka bwabo buherereye bitwaje ibyangombwa byabo kugira ngo itsinda ry'abatekinisiye tuzohereza rizabafashe gukosorerwa ayo makosa.

Turasaba abaturage bose barebwa n'ibikorwa byavuzwe haruguru gutegura no kunoza dosiye zabo hakiri kare kugira ngo igikorwa kizatangire biteguye, bityo bahabwe service ku buryo bwihuse.

Mugire Amahoro

Bikorewe I Gicumbi ku wa, 01/11/2023

AKARERE KA GICUMBI
REPUBULIKA Y'U RWANDA
UMURIMO GUKUNDA IGIHUGU

**UWERA Parfaite**

Umuyobozi w'agateganyo w'Akarere ka Gicumbi